# 139: Mukiza Yesu, ntabara

1. Mukiza Yesu, ntabara, Kukw abantu babiri Bari mu mutima wanjye, Umw' akund’und’agoma.

Ref: Ndengera Ndengera Mwami wanjye, ndengera

2. Umwe ni we Mwuka wawe Unyiringiz’ijuru; Und’ahor anyoshya nabi, Ashaka kunshumuza.

3. Mwami, sinkor' ibyo nkunda, Nubwo mpora mbyifuza. Ibibi byo ndabikora, Nubw’iteka njya mbyanga.

4. Murokoz' umucyo wawe Umurikire neza, Ngo wa muntu mubi nanga Atamperana rwose.

5. Iyo nirwanya ntyo, Mwami, Nta mahoro mba mfite. Ndagukunda, ndagushaka Mfasha,nesh' uwo mubi

6. Kiz' imbata yaw' irushywa, Ihor'ikuganyira; Umpe n'ububasha bwawe Ngo njye nsinda Satani.

7. Ndashak' uburuhukiro Mu bwami bwawe bwiza; Mfasha ngo wa wundi nanga Atambuza kujyayo.

Visit us at burundi.indirimbo.com